Bibiliya y'abana irerekana

Ivuka rya Yesu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: M. Maillot

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Kera, Imana yohereje Malayika Gaburiyeli ku mukobwa w'umuyahudi witondaga witwaga Mariya.

Aramubwira ati,
"Uzabyara umwana
w'umuhungu umwite
izina rya Yesu.



Azitwa umwana w'isumba byose. Azategeka ubuziraherezo."



Umukobwa atangaye arabaza ati, "ibyo bishoboka bite? Sinigeze ndyamana n'umugabo."

Malayika abwira Mariya ko umwana azaturuka ku Mana. Nta se w'umunyamubiri wagombaga kubaho.

Maze Malayika abwira Mariya ko Elisabeti mubyara we atwite umwana mu za bukuru. Iki nacyo cyari igitangaza.

Nyuma y'igihe gito, Mariya ajya gusura Elizabeti. Bafatanya gusingiza Imana.

Mariya yari yarasabwe n'umusore witwa Yozefu. Yozefu yararakaye yumvise ko Mariya atwite.

Yibwiraga ko
se w'umwana ari
undi mugabo.

Mu nzozi, Malayika w'Imana yabwiye Yozefu ko umwana ari umuhungu w'Imana. Yozefu yagombaga gufasha Mariya kurera Yesu.

Yozefu yizeye Imana aranayumvira.
Yanumviye amategeko y'igihugu cye.

Kubera itegeko rishya, we na Mariya bimutse mu murwa bari batuyemo, bajya

i Betelehemu, kwishyura imisoro.

Igihe
cyo kubyara
umwana cya
Mariya cyari
kigeze.

Ariko
Yozefu ntaho
yashoboraga
kubona
icyumba.

Amacumbi yose
yari yuzuye.

Amaherezo Yozefu abona
ikiraro. Aho niho
umwana Yesu
yavukiye.

Nyina amuryamisha mu muvure,
ahantu bashyira ibyo
kurya by'amatungo.

Hafi aho, Abashumba bari ku izamu bari basinziriye.

Malayika w'Imana arababonekera ababwira inkuru nziza.

"Uyu munsi Umukiza yabavukiye mu murwa wa Dawidi, ariwe Kristo Umwami.

Murabona uruhinja ruryamye mu muvure."

Ako kanya, haboneka abamalayika bishimye benshi, basingiza
Imana bavuga bati, ...

... "Mu ijuru icyubahiro
kibe icy'Imana, no mu isi
amahoro abe,
n'ibyiza bibe
ku bantu."

Abashumba barihuta
bajya ku kiraro.

Bamaze kubona uruhinja babwira
uwo bahuye mu nzira wese ibyo
Abamalayika bavuze kuri Yesu.

Iminsi mirongo ine ishize, Yozefu na Mariya bajyana Yesu mu rusengero iYerusalemu.

Aho ngaho umugabo witwaga Simeyoni ahimbaza Imana ku bw'uwo Mwana, mu gihe umukecuru Ana, undi mukozi w'Imana, yashimye.

Bombi bari bazi ko
Yesu ari umwana
w'Imana,
Umucunguzi
w'isezerano.
Yozefu
atamba
inyoni
ebyiri.

Iki cyari igitambo
itegeko ry'Imana
ryavugaga
ko abantu
b'abakene
bagomba
kuzana igihe
bamurikira
Uwiteka umwana
wabo wavutse.

Hashize igihe gito,
inyenyeri idasanzwe
iyobora
abagabo

b'abanyabwenge
kuva iburasirazuba
bw'igihugu kugera
iYerusalemu.

Barabaza bati, "Nihe havukiye Umwami
w'abayahudi? Turashaka kumuramya."

Umwami Herodi yumva iby'abanyabwenge. Abura amahoro, abasaba kumumenyesha nibamara kubona Yesu.

Herode aravuga ati, "Nanjye ndashaka kumuramya." Ariko Herodi yar'arimo kubeshya.

Herodi yashakaga kwica Yesu.

Inyenyeri
iyobora abagabo
b'abanyabwenge
kugeza ku nzu
Mariya na
Yozefu
babagamo
n'uruhinja.

Bapfukama mu kwemera, baha Yesu impano za zahabu n'imibavu ihumura.

Imana iburira abanyabwenge gutaha iwabo mu ibanga.

Herodi yari afite uburakari. Yiyemeje kurimbura Yesu, ...

... atanga itegeko
ribi cyane ryo
kwica abana
b'abahungu bose
i Beterehemu.

Ariko Herode
ntiyabashaga
kwica umwana
w'Imana!

Yozefu aburirwa mu nzozi, afata Mariya na Yesu bahungira muri Egiputa.

Herodi amaze
gupfa Yozefu agarura
Mariya na Yesu bava muri Egiputa.

Batura mu
mujyi muto wa Nazareti,
hafi y'uruzi rwa Galileya.

Ivuka rya Yesu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 1-2, Luka 1-2

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16